# ISOMO: Gukoresha imiti yica udukoko ku buryo butekanye, Itegurwa ry'isomo

**IGIHE CYOSE BIMARA:** Amasaha 1.5

**ABITABIRIYE AMAHUGURWA:** Abahinzi

**UHUGURA:** Uhugura abahinzi

**AHO BIBERA:** Mu murima no mu ishuli

**INTEGO:**

- **INTEGO YA 1:** Sobanura uko wakoresha imiti yica udukoko ku buryo butekanye .
- **INTEGO YA 2:** Erekana imiti yica udukoko ifite ubukana bwinshi kurusha indi
- **INTEGO YA 3:** Erekana ingaruka zishobora kuva mu gukoresha imiti yica udukoko
- **INTEGO YA 4:** Tanga ibisobanuro by'amashusho akoreshwa ku miti yica udukoko.
- **INTEGO YA 5:** Sobanura ingamba zigomba gufatwa mu gihe na nyuma yo gukoresha miti
- **INTEGO YA 6:** Erekana uburyo butekanye bwo kuyigura, ubwikorezi no kuyibika,

**IBIKORESHO:**

Isarubeti, uturindantoki, amadarubindi manini, agapfuka mu nwa na mazura , bote, n'ingofero).

- Ipompo itera umuti
- Ibintu bitukura n'ibya oranje bakoresha mu guhindura ibara ry'ibiryo
- Icupa ryangiritse ririmo umuti wica udukoko hamwe n'igishushanyo cya Alphacypermethrin
- Igikoresho bakoresha mu gupimiramo umuti
- Amazi meza yo kuzuza mu gikoresho gitera umuti
- Igishushanyo gifunitse neza ku buryo kidashobora kwangirika cya Alpha Cypermethrin
- Impapuro **2** zerekana amabara atandukanye zifunitse neza ku buryo zidashobora kwangirika
- Urupapuro rufotoye rwerekana amabara y'erekana ubukana bw'imiti buzwi

<table>
<tr><th>IGIHE</th><th>INCAMAKE Y’IBYIGWA</th></tr>
<tr><td>Imin 15</td><td>INTANGIRIRO<br><br>KWIBWIRANA<br>▪ Uhugura<br>▪ Abahugurwa<br>▪ Abashyitsi<br><br>SUBIRAMO: Intego z’ingezi za mahugurwa zu ku kwezi.<br>Muri uku kwezi turiga icyo gukoresha imiti yica udukoko kuburyo butekanye ico aricyo, uko umuntu asoma ibimenyetse bisobanura imiti yica udukoko, uko wakwirinda mu gihe uri gukoresha imiti yica udukoko, n’ukuntu bakoresha icyuma gitera umuti wica udukoko (Ipompo).<br><br>SOBANURA: Nk’uko mubizi, nibyiza gukoresha buryo bukomatanyije bwo kuryanya udukoko twangiza ikawa. Ariko mu gihe ari ngombwa gutera imiti, yakagombye gukoreshwa ku buryo bukwiriye, igakoreshwa ku buryo butekanye kandi butarimo gusesagura.<br><br>UMWITOZO: Agakino ko kwishyushya<br>Toranya agakino ko kwishyushya kaberanye n’abahugurwa.</td></tr>
<tr><td>Iminota 5</td><td>INTEGO YA 1: Sobanura icyo gukoresha imiti yica udukoko ku buryo butekanye bisobanuye<br><br>Baza: Tuba dusobanura iki iyo tuvuze: Gukoresha imiti yica udukoko ku buryo butekanye se?<br><br>IGISUBIZO: Gukoresha imiti kuburyo utakwangiza ubuzima bwawe cyangwa ngo wangize ubw’abandi:<br>▪ Kutangiza ubuzima bwawe cyangwa ubw’abandi<br>▪ Kutangiza ibidukikije<br>▪ Kutangiza ubuzima bw’abandi wanduza ibidukikije (Urugero: amazi, umwuka n’ibindi)<br>▪ Kutangiza ibihingwa .<br><br>Ikibazo gifasha mu gusubiramo: gukoresha imiti yica udukoko ku buryo butekanye bisobanura iki?</td></tr>
</table>

<table>
<tr>
<td>Iminota 10</td>
<td>INTEGO YA 2: Kwerekana imiti yica udukoko ifite ubukana bwinshi kurusha indi hamwe n’andi makuru y’ingenzi ari ku gishushanyo.<br><br>Erekana igishushanyo cya Alphacypermethrin nuko werekane aho aya makuru atandukanye akurikira ashobora kubonwa:<br>▪ Izina rijyanye n’ubucuruzo<br>▪ Amazina yerekana ibigize uwo muti<br>▪ Uko umuti ukoreshwa<br>▪ Ibirimo<br>▪ Itariki wakoreweho n’itariki uzasarizaho<br>▪ Ibara hamwe hamwe n’amashusho afite ibisobanuro hasi ku gishushanyo.<br>
</td>
</tr>
</table>

Ese imiti yose yica udukoko ifite ubukana bungana (uburozi)?

| Icyiciro | Igisobanuro | Amagambo asobanura | Ibara ryerekana umuti |
|---|---|---|---|
| Ia | Guteza ibibazo birenze | Ibyago, uburozi, n'ikimenyetso cy'igihanga & amagufwa ameze nko gukuba | |
| Ib | Ibibazo bukomeye | | |
| II | Ibibazo bigereranije | Kuburira/ birangiza | |
| III | Ibibazo byoroheje | Koresha witonze | |
| IV | Ntibyatera ibibazo bikomeye mu ikoreshwa risanzwe | Kwitonda | |

**BAZA**: Ni irihe bara ryerekana umuti ufite ubukana bwinshi kurusha iyindi?

**IGISUBIZO**: Umutuku

Igishushanyo kiriho amabara agisobanura kandi kirakwereka ukuntu umuti ufite ubukana:

- Umutuku– Ubukana bwinshi cyane kandi watera ibibazo bikomeye
- Umuhondo – Watera ibibazo ku buryo buringaniye
- Ubururu– watera ibibazo ku buryo buringaniye
- Icyatsi– Umeze nk'aho nta kibazo watera

**Ikibazo gifasha mu gusubiramo**: NI hehe ubona amakuru y'ingenzi ajyanye n'umuti wica udukoko? Amabara aba akubwira iki?

**Iminota 15**

**INTEGO YA 3: Erekana ingaruka zishobora kuva mu gukoresha imiti yica udukoko n'ukuntu ushobora kwirinda.**

**BAZA**: Ni gute imiti yica udukoko yinjira mu mibiri yacu?

**IBISUBIZO**:

- Mu guhumeka, biciye mu mazuru
- Binyuze mu ruhu

<table>
<tr><td></td><td>
<ul><li>Umunwa (Ni ukuvuga mu gihe unywa itabi cyangwa mu gihe urimo kurya )</li></ul>
Iyo ukoresheje neza amabwiriza ari ku rupapuro bituma ugabanya kuba wagira ibibazo biterwa no gukoresha imiti yica udukoko.
BAZA: Ni gute wirinda ingaruka zishobora guterwa n’imiti yica udukoko?
IGISUBIZO: Mu gukoresha imyambaro ikwiriye:
<ul><li>Bote</li><li>Uturindantoki</li><li>Ikintu bambara mu maso umuntu ahumekeramo</li><li>Amadarubindi manini / Igikingiramaso</li><li>Ingofero</li><li>Isarubeti / Imyambaro bambara batera umuti</li></ul>
IGIKORWA: Imyambaro yo kwikingira
a) Saba umuntu ubishaka yambare imyenda yo kwikingira<br>
b) Reba kuri buri kintu nuko urebe ko cyambawe ku buryo bukwiriye:
<ul><li>Reba niba amarinete mu yambawe neza neza.</li><li>Reba niba isarubeti iri inyuma ya bote</li><li>Reba niba uturindantoki turi inyuma y’isarubeti.</li></ul>
c) Shimira uwo mukorana bushake wagufashije mu kigorwa.
Ikibazo gifasha mu gusubiramo: Ni iyihe myambaro ibuza imiti yica udukoko kwinjira mu kanwa cyangwa ku ruhu?
</td></tr>
<tr><td>Iminota 15</td><td>
INTEGO YA 4: Tanga ibisobanuro by’amashusho akoresha ku miti yica udukoko.<br>
BAZA: Ni gute ubasha kumenya icyo ukwiye kwambara igihe utera umuti, nanone ni izihe ngamba zindi wakagombye gufata mu gihe uri gukoresha imiti yica udukoko?<br>
IGISUBIZO: Reba ku gishushanyo no ku mashusho yerekana amabara. Ibi bikwereka imyambaro ugomba kwambara, iba iri ku bishushanyo. Urugero:
<ul><li>Igikingiramaso</li><li>Uturindantoki</li><li>Bote</li></ul>
</td></tr>
</table>

<table>
<tr><td></td><td>

- Isarubeti

Andi makuru ari ku gishushanyo adufasha mu gukoresha neza imiti yica udukoko, nayo atangwa n'ibishushanyo:

- Ifite ubukana bwinshi
- Urangiza/uraryaryata
- Ushobora kwaka
- Ni mubi ku matungo
- Ni mubi ku mafi no ku bindi binyabuzima biba mu mazi
- Wufungirane ahantu abana badashobora kugera

**IGIKORWA: Amashusho.**

a) Saba abitabiriye amahugurwa kujya mu mamatsinda y'abahinzi 5.<br>
b) Ha buri tsinda urupapuro rufunitse neza kuburyo rudashobora kwangirika ruriho ibishushanyo 2, kimwe kuri buri ruhande..<br>
c) Saba abari mu matsinda kureba ku mashusho kandi ureke bavuge icyo asobanura.<br>
d) Saba buri tsinda kwerekana amashusho, bayashyize hejuru kugira ngo abandi bahinzi bayabone.<br>
Nihabeho kuganira ku bisubizo.

*Icyitonderwa ku muntu uhugura: Fasha abantu mu gusobanukirwa n'amashusho. WIhita werekana gusa ibyo amashusho yerekana*




</td></tr>
<tr><td>

**Iminota 15**

</td><td>

**INTEGO YA 5: Sobanura ingamba zigomba gufatwa mu gihe na nyuma yo gukoresha imiti yica udukoko.**

**BAZA:** NI izihe ngamba zakagombye gufatwa mu gihe cyo gutera umuti wica udukoko?

**IGISUBIZO:**

</td></tr>
</table>

| | |
|---|---|
| | ▪ Gukoresha umwambaro wabugenewe. Reba ku gishushanyo.<br>▪ Wikwambara imyambaro yangiritse.<br>▪ Ntuzigere na rimwe ukoresha intoki mu kuvanga imiti yica udukoko!<br>▪ Tera umuti hakiri kare cyangwa se nimugoroba hatarashyuha cyane, ibi bishobora kwangiza ibihingwa.<br>▪ **BAZA:** Baza umuntu wamaze kwambara: Ese wari ushyushye?<br>▪ Nturye cyangwa ngo unywe itabi mu gihe uri gufata ku muti wica udukoko<br>▪ Ntuzigere na rimwe uhuha ku kanwa k'icyuma gitera umuti wica udukoko ukoresheshe umunwa wawe, niba kazibye koresha akaroso.<br>▪ Wiwutera mu muyaga, ushobora gukwirakwira mu kirere.<br><br>**BAZA**: Ni iki wakagombye gukora nyuma yo gutera umuti?<br><br>**IGISUBIZO**:<br>▪ Gukaraba intoki no mu maso ukoresheje isabuni n'amazi ako kanya ukirangiza.<br>▪ Mesa imyambaro ikingira umuntu kandi utayimesana n'indi myambaro isanzwe.<br>▪ Ntukarabe cyangwa ngo uyobore ayo mazi umaze kumeshesha mu migezi cyangwa ibiyaga.<br>▪ Mesa imyenda yose irinda umubiri ukoresheje isabune n'amazi.<br>▪ Sukura neza ibikoresho byose byifashishwa mu gutera umuti ukoresheje isabune n'amazi nuko nurangiza ubibike neza. |
| **Iminota 15** | **INTEGO YA 6: Erekana uburyo butekanye bwo kuyigura, ubwikorezi bwayo, kuyibika, no kujya kuyijugunya mu gihe yarangije gukoreshwa, ndetse no kujya kujugunya ibikoresho yari irimo.**<br>**BAZA:** Ni gute umenya ubwoko bw'imiti ugomba kugura?<br>**IGISUBIZO:**<br>▪ Gura imiti iberanye n'ibyo ugiye gukora. Soma ku gishushanyol!<br>▪ Ntuzigere na rimwe ugura ibintu byangiritse .<br>**BAZA:** Ubwikorezi bw'imiti yica udukoko bwakagombye gukorwa gute?<br>**IGISUBIZO:**<br>▪ Kubikwa kure y'ibiryo, kure y'abagenzi, kure y'amatungo.<br><br>**BAZA:** Imiti yica udukoko yakagombye kubikwa he?<br><br>**IGISUBIZO:** |

<table>
<tr>
<td></td>
<td>

- Reba ku gishushanyo kiri kuri uwo muti baraguha ibisobanuro bijyanye n'aho wakagombye kubika uwo muti.
- Ahantu hatekanye hafunze kandi hadashobora kugera abana, ibiryo, amatungo cyangwa amazi.
- Buri gihe bika imiti yica udukokko mu bikoresho yajemo.  Wiyishyira mu macupa ya fanta cyangwa  y'amazi.  Kubera ko umuntu ashobora kunywa uwo muti atabizi!

**IGIKORWA: Kubika umuti**

a) Erekana icupa rya fanta ryuzuye amazi afite ibare rya oranje kandi nanone werekane n'icupa risanzwe rya fanta.<br>
b) Baza abitabiriye amahugurwa uti: ni irihe rifite fanta nyayo?<br>
c) Babwire ko bidashoboka kubimenya kandi babwire ko hari n'ibibazo biterwa no gufata nk'imiti yica udukoko ukayishyira mu bikoresho bitanditseho cyangwa ukayishyira mu bikoresho byagenewe kubikwamo ibiryo.

**BAZA:** Ni gute ibintu bibamo umuti wica udukoko byakagombye kujugunywa?

**IGISUBIZO**:

- Unyuguza ibintu birimo ubusa inshuro ebyiri mu cyuma gitera umuti. Noneho bipfumure nuko ubitwike cyangwa ujugunye amacupa ahantu kure y'abantu n'amazu.
- Ntuzigere na rimwe wongera gukoresha ibyo bikoresho byari birimo imiti yica udukoko. Ntabwo ari byiza kubishyiramo amazi!
- Ntukabijugunye nk'ukuntu ujugunya imyanda isanzwe kubera ko umuntu ashobora kubifata atazi ko byangiza!

**Ibibazo bifasha mu gusubiramo**: Ni gute ubwikorezi bw'imiti yica udukoko yakagombye gukorwa? Ni gute wakagombye kujugunya imiti yica udukoko?

</td>
</tr>
<tr>
<td>Iminota 10</td>
<td>

**Gusoza:**

- Subiramo ibintu by'ingenzi byizwe

**IGIKORWA: Gusuzuma ubumenyi**

</td>
</tr>
</table>

| | |
|---|---|
| | *Icyitonderwa ku muntu uhugura: Koresha ibibazo bisaba gusubiramo ibyizwe kandi ubayobore neza nk'uko bikenewe mu gusubiza.*<br>Baza abitabiriye amahugurwa ibibazo bikurikira:<br><br>▪ Gukoresha umuti wica udukoko kuburyo butabangamiye umuntu bisobanuye iki?<br>▪ Ni irihe bara ku gishushanyo ryerekana umuti ufite ubukana buke kurusha iyindi?<br>▪ Ni uwuhe mwambaro utuma umuti utakwinjira mu mazuru?<br>▪ Ni iki wakagombye gukora mbere yo kuvanga umuti mw'ipompo itera umuti? Ni gute wakagombye kubika cyangwa kujya kujugunya ibikoresho biba birimo imiti yica udukoko?<br><br>▪ **Ibibazo n'ibisubizo** |